**REPUBIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'UBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA RUBAVU**

# ITANGAZO RIMENYESHA IMPINDUKA KU IKORESHWA RY'UMUHANDA

HASHINGIYE KU MASEZERANO AJYANYE NO KURANGIZA IMIRIMO ITARAKOZWE HUBAKWA IMIHANDA YA KABURIMBO N'INZIRA Z'AMAZI AKARERE KA RUBAVU KAGIRANYE NA SOSIYETE YA NPD LTD;

HASHINGIWE KANDI KURI GAHUNDA IJYANYE NO KURANGIZA IMIRIMO YAVUZWE HARUGURU HASHYIRWA MU BIKORWA KUBAKA INZIRA Y'AMAZI ICA MU BUTAKA BY'UMWIHARIKO MUNSI Y'UMUHANDA WA KABURIMBO UJYA MU GIHUGU CY'ABATURANYI CYA REPUBULIKA IHARANIRA DEMOKARASI YA KONGO (DRC);

UBUYOBOZI BW'AKARERE KA RUBAVU BURAMENYESHA ABAKORESHA UMUHANDA UVA AHAHOZE GARE YA RUBAVU UJYA KU MUPAKA MUTO (PETITE BARIERE) KO KUVA 14 WERURWE 2023 KUGEZA KUWA 30 WERURWE 2023 UZABA UFUNZE MU RWEGO RWO KURANGIZA IMIRIMO YAVUZWE HARUGURU. IMODOKA ZIZAJYA ZIKORESHA INZIRA Y'ABATEGANIRIJWE IVA KU MUHANDA **STATION DICENTRE UJYA MONT KARENZI-VOLCANO BUS STATION-MAGERWA,** NAHO IZISOHOKA **NI MAGERWA-RUGALI-MONT KARENZI-RRA** MU GIHE ABANYAMAGURU N'AMAGARE BAZAJYA BAKORESHA INZIRA ICA MU ISOKO RYAMBUKIRANYA IMIPAKA RYA RUBAVU NK'UKO BIGARAGAZWA N'IBYAPA.

TUBASHIMIYE UKWIHANGANA KWANYU KUBW'IMPINDUKA ZIJYANYE N'IMIKORESHEREZE Z'UMUHANDA MU GIHE HAZABA HARANGIZWA IMIRIMO YAVUZWE.

BIKOREWE I RUBAVU KUWA 14/03/2023.

AKARERE KA RUBAVU

**KAMBOGO Ildephonse**
**Umuyobozi W'Akarere Ka Rubavu**

*Website : www.rubavu.gov.rw* *Email : rubavudistrict@rubavu.gov.rw* *@RubavuDistrict* *RubavuDistrict*
*rubavudistrict* *Toll Free : 1020* *Po.Box : 173 GISENYI*